Tout militaire qui tue un supérieur au service ou pour des raisons relatives au service commet une infraction. Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'un emprisonnement à perpétuité.

**Icyiciro cya 4: Ugutoroka**

**Ingingo ya 309: Gutoroka bikozwe na Ofisiye**

Ofisiye wese:

1º ubura mu mutwe agomba kubamo, mu gihe kirenze ukwezi kumwe (1) cyangwa uva mu Rwanda nta ruhushya, akabura iminsi irenga cumi n'itanu (15), mu gihe cy'amahoro;

2º ubura mu mutwe agomba kubamo mu gihe kirenze iminsi itandatu (6) cyangwa uva mu Rwanda atabifitiye uruhushya, mu gihe cy'intambara;

aba akoze icyaha.

Ofisiye uhamijwe n'urukiko gukora kimwe mu bikorwa bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka ibiri (2) ariko kitarenze imyaka itatu (3).

Iyo Ofisiye:

1º yacikanye imbunda, indege, ubwato, imodoka cyangwa ibindi bikoresho bya gisirikare;

**Section 4: Desertion**

**Article 309: Desertion by an officer**

Any officer who:

1º disappears from his/her unit for more than one (1) month or leaves the territory of Rwanda without authorisation and remains absent for more than fifteen (15) days in peacetime;

2º is absent from his/her unit for more than six (6) days or who leaves the territory of Rwanda without authorization, in wartime;

commits an offence.

An officer convicted of any of the acts referred to in Paragraph One of this Article is liable to imprisonment for a term of not less than two (2) years and not more than three (3) years.

If an officer:

1 º deserts with a gun, aircraft, boat, vehicle or other military equipment;

**Section 4: Désertion**

**Article 309: Désertion d'un officier**

Tout officier qui:

1º en temps de paix, s'absente de son unité pendant plus d'un (1) mois ou qui, ayant quitté le Rwanda sans autorisation, demeure absent pendant plus de quinze (15) jours;

2º en temps de guerre, s'absente de son unité pendant plus de six (6) jours ou qui quitte le territoire du Rwanda sans autorisation;

commet une infraction.

Un officier reconnu coupable de la commission de l'un quelconque des actes visés à l'alinéa premier du présent article est passible d'un emprisonnement d'au moins deux (2) ans mais n'excédant pas trois (3) ans.

Si un officier:

1º déserte en emportant avec lui une arme à feu, un aéronef, un bateau, un véhicule ou tout autre matériel militaires;

2º yatorotse ari ku kazi k'irondo, k'izamu, ko kurinda ahantu cyangwa yari ku kandi kazi gakoranwa imbunda;

ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka irindwi (7).

**<u>Ingingo ya 310</u>: Kwiha ikiruhuko cyangwa uruhushya birenze iminsi ofisiye yahawe**

Ofisiye wese ujya mu kiruhuko cyangwa uhabwa uruhushya, ntagaruke mu mutwe agomba kubamo, bikarenga iminsi itandatu (6) mu gihe cy'intambara cyangwa ukwezi kumwe (1) mu gihe cy'amahoro, kuva ikiruhuko cye cyangwa uruhushya birangiye cyangwa kuva igihe abonye itegeko ryo kugaruka ku kazi, aba akoze icyaha.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka ibiri (2).

**<u>Ingingo ya 311</u>: Gutoroka mu gihe cy'amahoro bikozwe n'utari Ofisiye**

Umusirikare wese utari Ofisiye, mu gihe cy'amahoro:

1º umara iminsi irenga cumi n'itanu (15) yarabuze mu mutwe agomba kubamo

2 º deserts when he/she is on patrol, watch, guards a post or carrying out any other armed service;

is liable to an imprisonment for term of not less than five (5) years and not more than seven (7) years.

**<u>Article 310</u>: Unauthorized extension of leave or permission by an officer**

Any officer who is on official leave or permission who does not return to his/her unit for more than six (6) days in wartime, or more than one (1) month in peacetime, after the expiry of his/her leave or permission or after receiving a recall order to return on duty, commits an offence.

When convicted, he/she is liable to an imprisonment for a term of not less than one (1) year and not more than two (2) years.

**<u>Article 311</u>: Desertion in peacetime by a non-officer**

Any non-officer who, in peacetime:

1 º leaves his/her unit or detachment for more than fifteen (15) days without authorization;

2º déserte en faisant partie d'une patrouille, d'une garde, d'un poste ou de tout autre service armé;

il est passible d'un emprisonnement d'au moins cinq (5) ans mais n'excédant pas sept (7) ans.

**<u>Article 310</u>: Prolongation non autorisée du congé ou de la permission par un officier**

Tout officier en congé ou en permission qui ne regagne pas son unité pour plus de six (6) jours en temps de guerre ou plus d'un (1) mois en temps de paix après l'expiration de son congé ou de sa permission ou après avoir reçu un ordre de rappel, commet une infraction.

Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'un emprisonnement d'au moins un (1) an mais n'excédant pas deux (2) ans.

**<u>Article 311</u>: Désertion d'un non- officier en temps de paix**

Tout non officier, en temps de paix qui:

1º s'absente de son unité ou de son détachement, sans y être autorisé, pendant plus de quinze (15) jours;

cyangwa mu gice cy'abasirikare bajyanye ku kazi atabifitiye uruhushya;

2º wahawe uruhushya akarenza ukwezi kumwe (1) kubarwa uhereye igihe uruhushya cyangwa ikiruhuko yahawe byarangiriye cyangwa igihe yaherewe itegeko ryo kugaruka ku kazi ataragaruka mu mutwe agomba kubamo;

aba akoze icyaha.

Umusirikare uhamijwe n'urukiko gukora kimwe mu bikorwa bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ahanishwa igifungo kitari munsi y'amezi atandatu (6) ariko kitarenze umwaka umwe (1).

**<u>Ingingo ya 312</u>: Gutoroka bikozwe n'utari Ofisiye mu gihe cy'intambara**

Mu gihe cy'intambara, umusirikare wese utari Ofisiye umara iminsi itandatu (6) cyangwa ufite uruhushya cyangwa uri mu kiruhuko umara iminsi itandatu (6) ibarwa uhereye igihe uruhushya cyangwa ikiruhuko yahawe byarangiriye cyangwa igihe yaherewe itegeko ryo kugaruka ku kazi ataragaruka mu mutwe agomba kubamo, aba akoze icyaha.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka ibiri (2) ariko kitarenze imyaka itatu (3).

2 º has permission but does not return to his/her unit for more than one (1) month after the expiry of his/her leave or permission or after a recall order to return on duty;

commits an offence.

A soldier who is convicted of any of the acts referred to in Paragraph One of this Article is liable to imprisonment for a term of not less than six (6) months and not more than one (1) year.

**<u>Article 312</u>: Desertion in wartime by a non-officer**

Any non-officer who, during wartime, is absent for six (6) days or has permission or is on leave but does not return to his/her unit six (6) days after the expiry of his/her leave or permission or after receiving a recall order to return to duty, commits an offence.

When convicted, he/she is liable to an imprisonment for a term of not less than two (2) years, and not more than three (3) years.

2º en permission, s'absente de son unité pour plus d'un (1) mois après l'expiration de son congé ou de sa permission ou après avoir reçu un ordre de rappel;

commet une infraction.

Un militaire reconnu coupable de la commission de l'un quelconque des actes visés à l'alinéa premier du présent article est passible d'un emprisonnement d'au moins six (6) mois mais n'excédant pas un (1) an.

**<u>Article 312</u>: Désertion en temps de guerre par un non Officier**

Tout non officier qui s'absente pour six (6) jours ou qui est en permission ou qui est en congé mais qui ne rejoint pas son unité, six (6) jours après l'expiration de son congé ou de sa permission, ou après avoir reçu un ordre de rappel commet une infraction.

Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'un emprisonnement d'au moins

deux (2) ans mais n'excédant pas trois (3) ans.

**<u>Ingingo ya 313</u>: Gutoroka bikozwe n'utari Ofisiye igihe hari impamvu nkomezacyaha**

Iyo umusirikare utari Ofisiye ahamijwe n'urukiko gukora icyaha cyo gutoroka:

1º yigeze guhanirwa gutoroka;

2º yarenze imipaka y'u Rwanda;

3º yitwaje konji cyangwa uruhushya bishingiye ku nyandiko y'inyiganano cyangwa yahinduwe;

4º yarengeje amezi atandatu (6) yaratorotse;

aba akoze icyaha.

Iyo abihamijwe n'urukiko, igihano kiba igifungo kirenze imyaka itatu (3) ariko kitarenze imyaka itanu (5).

Iyo umusirikare utari Ofisiye watorotse:

1º yacikanye imbunda, indege, ubwato, imodoka cyangwa ibindi bikoresho bya gisirikare;

**<u>Article 313</u>: Desertion by a non-officer in case of aggravating circumstances**

If a non-officer convicted of desertion:

1º was previously condemned for desertion;

2º crosses the boundaries of the Rwandan territory;

3º uses a forged or altered authorization of leave or permission;

4º deserts for more than six (6) months;

commits an offence.

When convicted, the penalty that applies is imprisonment for a term of more than three (3) years and not more than five (5) years.

If a non-officer deserts:

1º with a gun, aircraft, boat, vehicle or other military equipment;

**<u>Article 313</u>: Désertion par un non-officier en cas de circonstances aggravantes**

Lorsqu'un non officier reconnu coupable de désertion:

1º a été antérieurement condamné pour désertion;

2º franchit les limites du territoire du Rwanda;

3º fait usage d'une autorisation de congé ou de permission contrefaite ou falsifiée;

4º déserte pour plus de six (6) mois;

commet une infraction.

Lorsqu' il en est reconnu coupable, la peine est portée à l'emprisonnement de plus de trois (3) ans mais n'excédant pas cinq (5) ans.

Si un non officier qui déserte:

1º emporte avec lui une arme à feu, un aéronef, un bateau, un véhicule ou tout autre matériel militaires;

2º yari ari ku kazi k'irondo, k'izamu, ko kurinda ahantu cyangwa yari ku kandi kazi gakoranwa imbunda;

igihano giteganijwe mu gika cya 2 cy'iyi ngingo cyikuba kabiri (2).

**<u>Ingingo ya 314</u>: Gutoroka ku kagambane**

Iyo ugutoroka uko ari ko kose kugiriwe umugambi n'abasirikare barenze umwe (1), byitwa gutoroka ku kagambane.
Umusirikare wese utoroka ku kagambane, aba akoze icyaha.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kirenze imyaka ibiri (2) ariko kitarenze imyaka itatu (3), iyo ari mu gihe cy'amahoro. Iyo ari mu gihe cy'intambara, ahanishwa igifungo kirenze imyaka itatu (3) ariko kitarenze imyaka itanu (5).

Umuyobozi w'akagambane ko gutoroka ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka irindwui (7) iyo ari mu gihe cy'amahoro. Iyo abikoze mu gihe cy'intambara, igihano kiba igifungo kitari munsi y'imyaka irindwi (7) ariko kitarenze imyaka icumi (10).

2º when he/she is on patrol, watch, guards a post or carrying out any other armed service;

the penalty referred to in Paragraph 2 of this Article doubles.

**<u>Article 314</u>: Desertion by conspiracy**

Any desertion carried out together by more than one (1) soldier is qualified desertion by conspiracy.
Any soldier who deserts by conspiracy commits an offence.

If convicted, he/she is liable to imprisonment for a term of more than two (2) years and not more than three (3) years, in peacetime. If it is in wartime, he/she is liable to imprisonment for a term of more than three (3) years and not more than five (5) years.

The head of desertion by conspiracy is liable to imprisonment for a term of not less than five (5) years and not more than seven (7) years, if it is in peacetime. If he/she commits the offence in wartime, the penalty is imprisonment for a term of not less than seven (7) years and not more than ten (10) years.

2º fait partie d'une patrouille, d'une garde, d'un poste ou de tout autre service armé;

la peine prévue à l'alinéa 2 du présent article est portée au double.

**<u>Article 314</u>: Désertion avec complot**

Toute désertion effectuée de concert par plus d'un (1) militaire est qualifiée de désertion avec complot.
Tout militaire qui déserte avec complot commet une infraction.

Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'un emprisonnement de plus de deux (2) ans mais n'excédant pas trois (3) ans en temps de paix. Si c'est en temps de guerre, il est passible d'un emprisonnement de plus de trois (3) ans mais n'excédant pas cinq (5) ans.

Le chef du complot de désertion est passible d'un emprisonnement d'au moins cinq (5) ans mais n'excédant pas sept (7) ans, en temps de paix. S'il commet l'infraction en temps de guerre, la peine est portée à l'emprisonnement d'au moins sept (7) ans mais n'excédant pas dix (10) ans.

**Ingingo ya 315: Gutoroka mu gihe umwanzi yugarije**

Umusirikare wese utoroka mu gihe umwanzi yugarije, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka irindwi (7).

Iyo gutoroka byakozwe na ofisiye, igihano kiba igifungo kirenze imyaka irindwi (7) ariko kitarenze imyaka icumi (10).

Umusirikare wese utoroka agana umwanzi, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka icumi (10) ariko kitarenze imyaka cumi n'itanu (15).

**Icyiciro cya 5: Kwiyononera umubiri ku bushake**

**Ingingo ya 316: Kwiyononera umubiri ku bushake mu gihe cy'intambara**

Umusirikare wese utari Ofisiye wiyononera umubiri ku bushake mu gihe cy'intambara, utuma bamwononera umubiri cyangwa ukoresha ubundi buryo ubwo ari bwo bwose bwamumugaza kugira ngo adakora akazi n'iyo haba ari mu gihe gito, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka ibiri (2).

**Article 315: Desertion in the face of the enemy**

Any soldier who deserts in the face of the enemy, commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of more than five (5) years and not more than seven (7) years.

If desertion is committed by an officer, the applicable penalty is imprisonment for a term of more than seven (7) years and not more than ten (10) years.

Any military officer who deserts heading to the enemy, is liable to imprisonment for a term of not less than ten (10) years and not more than fifteen (15) years.

**Section 5: Self-inflicted mutilation**

**Article 316: Self-inflicted mutilation in wartime**

Any non-officer who intentionally, in wartime, self-inflicts mutilation, allows himself/herself to be mutilated or who uses any means for the purpose of mutilation in order to evade service, even for a short period of time, commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than one (1) year and not more than two (2) years.

**Article 315: Désertion en présence de l'ennemi**

Tout militaire qui déserte en présence de l'ennemi commet une infraction. Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'un emprisonnement de plus de cinq (5) ans mais n'excédant pas sept (7) ans.

Lorsque la désertion est commise par un officier, la peine est portée à l'emprisonnement de plus de sept (7) ans mais n'excédant pas dix (10) ans.

Tout militaire qui déserte vers l'ennemi est passible d'un emprisonnement d'au moins dix (10) ans mais n'excédant pas quinze (15) ans.

**Section 5: Automutilation volontaire**

**Article 316: Automutilation volontaire en temps de guerre**

Tout militaire non officier qui intentionnellement, en temps de guerre, se mutile volontairement, se fait mutiler ou se met par un moyen quelconque dans un état d'invalidité, pour se soustraire, même temporairement, au service, commet une infraction. Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'un emprisonnement d'au moins un (1) an mais n'excédant pas deux (2) ans.

Iyo ibikorwa bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bikozwe na Ofisiye, igihano kiba igifungo kitari munsi y'imyaka itatu (3) ariko kitarenze imyaka itanu (5).

**<u>Ingingo ya 317</u>: Kwimugaza bikozwe umwanzi yugarije**

Umusirikare wese wimugaza umwanzi yugarije, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka itatu (3) ariko kitarenze imyaka itanu (5).

Iyo kwimugaza umwanzi yugarije bikozwe na Ofisiye, igihano kiba igifungo kuva ku myaka irindwi (7) kugeza ku myaka icumi (10).

**<u>Icyiciro cya 6</u>: Gukoresha nabi ibikoresho bya gisirikare**

**<u>Ingingo ya 318</u>: Gukoresha intwaro bidategetswe n'umukuru**

Umusirikare wese ukoresha intwaro, atabitegetswe n'umukuru, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'amezi atandatu (6) ariko kitarenze umwaka umwe (1).

When acts referred to in Paragraph One of this Article are committed by an officer, the penalty that applies is imprisonment for term of not less than three (3) years and not more than five (5) years.

**<u>Article 317</u>: Self-inflicted disability in the face of the enemy**

Any soldier who self-inflicts body disability in the face of the enemy commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than three (3) years and not more than five (5) years.

If the self-inflicted disability is committed by an officer, the applicable penalty is imprisonment for a term ranging from seven (7) years to ten (10) years.

**<u>Section 6:</u> Misuse of military equipment**

**<u>Article 318</u>: Use of a weapon without an order from a superior**

Any soldier who uses a weapon without an order from a superior commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than six (6) months and not more than one (1) year.

Lorsque les actes mentionnés à l'alinéa premier du présent article sont commis par un officier, la peine est portée à l'emprisonnement d'au moins trois (3) ans mais n'excédant pas cinq (5) ans.

**<u>Article 317</u>: Se mettre dans un état d'invalidité en présence de l'ennemi**

Tout militaire qui se met dans un état d'invalidité en présence de l'ennemi commet une infraction. Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'un emprisonnement d'au moins trois (3) ans mais n'excédant pas cinq (5) ans.

Lorsque l'infraction de se mettre en état d'invalidité est commise par un officier, la peine est portée à l'emprisonnement allant de sept (7) ans à dix (10) ans.

**<u>Section 6:</u> Utilisation malsaine du matériel militaire**

**<u>Article 318</u>: Utilisation d'une arme sans ordre du supérieur**

Tout militaire qui utilise une arme sans ordre d'un supérieur commet une infraction. Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'un emprisonnement d'au moins six (6) mois mais n'excédant pas un (1) an.

**Ingingo ya 319: Kwangiza, kugurisha, kurigisa, kwiba, kuzimiza ku bushake igikoresho cya gisirikare**

Umusirikare wese wangiza, ugurisha, uzimiza ku bushake igikoresho cy'itumanaho rya gisirikare, urigisa, ugurisha cyangwa wiba intwaro, amasasu cyangwa ibindi bikoresho bya gisirikare, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka itatu (3) ariko kitarenze imyaka itanu (5) mu gihe cy'amahoro.

Iyo ibikorwa bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bikozwe mu gihe cy'intambara, igihano kiba igifungo kitari munsi y'imyaka irindwi (7) ariko kitarenze imyaka icumi (10).

**Icyiciro cya 7: Guhungabanya itumanaho rya gisirikare**

**Ingingo ya 320: Ikoreshwa ry'andi mategeko**

Ingingo zigize iki cyiciro ntizibuza ikoreshwa ry'ingingo z'amategeko ku byaha bihungabanya umutekano wa Leta n'ibindi byaha biteganyijwe mu yandi mategeko.

**Article 319: Damage, sell, diversion, stealing, intentional cause of disappearance of military equipment**

Any soldier who, intentionally damages, sells or causes disappearance of a military communication equipment, causes disappearance, sells or steals weapons, ammunitions or any other military equipment commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than three (3) years and not more than five (5) years, in peacetime.

If the acts referred to in Paragraph One of this Article are committed in wartime, the penalty is imprisonment for a term of not less than seven (7) years and not more than ten (10) years.

**Section 7: Interference with the military communication system**

**Article 320: Application of other laws**

The provisions of this Section do not prejudice the application of the provisions relating to offences against State security and other offences provided for in other laws.

**Article 319: Détériorer, vendre, détourner, voler, faire disparaître intentionnellement un matériel militaire**

Tout militaire qui détériore, vend ou fait disparaître intentionnellement le matériel de communication militaire, détourne, vend ou vole des armes, des munitions ou tout autre matériel militaire commet une infraction. Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'un emprisonnement d'au moins trois (3) ans mais n'excédant pas cinq (5) ans en temps de paix.

Si les actes visés à l'alinéa premier du présent article sont commis en temps de guerre, la peine est portée à l'emprisonnement d'au moins sept (7) ans mais n'excédant pas dix (10) ans.

**Section 7: Atteinte à la communication militaire**

**Article 320: Application d'autres lois**

Les dispositions de la présente section ne portent pas préjudice de l'application des dispositions relatives aux infractions contre la sûreté de l'État ni à d'autres infractions prévues par d'autres lois.

**Ingingo ya 321: Itumanaho rya gisirikare**

Muri iri tegeko, itumanaho rya gisirikare ni uburyo bwose bukoreshwa mu gutanga cyangwa kwakira amakuru yerekeye ingabo, hakoreshejwe ibikoresho bitandukanye birimo ibyuma bifata n'ibisohora amajwi, imizindaro, elegitoroniki n'ibindi.

**Ingingo ya 322: Guhungabanya itumanaho rya gisirikare bikozwe n'umusivili**

Umuntu wese utari umusirikare ukoze ibyaha biteganyijwe muri iki cyiciro aburanishwa n'inkiko zibifitiye ububasha kandi ahanishwa ibihano bimwe nk'ibihabwa abasirikare kuri ibyo byaha.

**Ingingo ya 323: Kumenyekanisha urufefeko cyangwa ijambo ry'ibanga rikoreshwa mu itumanaho rya gisirikare**

Umusirikare wese uzi urufefeko cyangwa ijambo ry'ibanga rikoreshwa mu itumanaho rya gisirikare akabimenyesha abigambiriye undi muntu utagomba kubimenya cyangwa agahishurira, ku buryo ubwo ari bwo bwose, undi utabigenewe uburyo itumanaho rikoreshwa, aba akoze icyaha.

**Article 321: Military communication system**

In this Law, military communication system is any system of transmission or receipt of information related to the army, using various equipment including recorders, transmitters, speakers, electronic devices and others.

**Article 322: Interference with the military communication system by a civilian**

Any civilian who commits offences provided for in this Section is tried by competent courts, and is liable to the same penalties as those applicable to soldiers.

**Article 323: Disclosure of a code or password of the military communication system**

Any soldier with access to a code or a password of the military communication system who intentionally discloses it to a person who is not authorised to have access to it or, in any way, discloses to an unauthorized person the operating mechanism of the communication system, commits an offence.

**Article 321: Système de communication militaire**

Dans la présente loi, on entend par système de communication militaire tout système de transmission ou de réception des informations relatives à l'armée à l'aide de différents équipements notamment les appareils d'enregistrement et d'émission, sonores et électroniques et autres.

**Article 322: Sabotage du système de communication militaire commis par un civil**

Toute personne civile qui commet les infractions prévues à la présente section est poursuivie par des juridictions compétentes et est passible des mêmes peines que celles applicables aux militaires.

**Article 323: Communication d'un code ou d'un mot de passe du système de communication militaire**

Tout militaire qui, ayant accès à un code ou un mot de passe du système de communication militaire, le communique intentionnellement à une personne non autorisée à y accéder ou qui dévoile d'une façon ou d'une autre le mécanisme de fonctionnement du système de communication à une personne non autorisée commet une infraction.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka ibiri (2) ariko kitarenze imyaka itanu (5) mu gihe cy'amahoro. Iyo abikoze mu gihe cy'intambara, igihano kiba igifungo kirenze imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka irindwi (7).

Igihe abikoze ku bw'ububuraburyo, uburangare, ubushishozi buke, umwete muke, kudakurikiza amabwiriza cyangwa ubundi buteshuke bwose, igihano kiba igifungo kitari munsi y'amezi abiri (2) ariko kitageze ku mezi atandatu (6) mu gihe cy'amahoro. Iyo abikoze mu gihe cy'intambara, igihano kiba igifungo kitari munsi y'umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka ibiri (2).

**<u>Ingingo ya 324</u>: Kwinjira mu miyoboro y'itumanaho rya gisirikare nta burenganzira**

Umuntu wese, abishaka kandi nta burenganzira abifitiye, winjira mu miyoboro irinzwe y'itumanaho rya gisirikare, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka ibiri (2).

Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than two (2) years and not more than five (5) years, in peacetime. If he/she commits the offence in wartime, the applicable penalty is imprisonment for a term of more than five (5) years and not more than seven (7) years.

If he/she engages in such acts due to clumsiness, negligence, carelessness, lack of attention, failure to observe the rules or through any other default, the applicable penalty is an imprisonment for a term of not less than two (2) months but less than six (6) months, in peacetime. If he/she commits the offence in wartime, the applicable penalty is imprisonment for a term of not less than one (1) year and not more than two (2) years.

**<u>Article 324</u>: Unauthorized access to a military communication network**

Any person who intentionally accesses, without authorization a secure military communication network, commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than one (1) year and not more than two (2) years.

Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'un emprisonnement d'au moins deux (2) ans mais n'excédant pas cinq (5) ans, si c'est en temps de paix. S'il commet l'infraction en temps de guerre, la peine est portée à l'emprisonnement de plus de cinq (5) ans mais n'excédant pas sept (7) ans.

S'il le fait en temps de paix par maladresse, imprudence, inattention, négligence, inobservation des règlements ou tout autre défaut, la peine est portée à l'emprisonnement d'au moins deux (2) mois mais inférieur à six (6) mois. Lorsqu'il commet l'infraction en temps de guerre, la peine est portée à l'emprisonnement d'au moins un (1) an mais n'excédant pas deux (2) ans.

**<u>Article 324</u>: Introduction dans un réseau de communication militaire sans autorisation**

Toute personne qui s'introduit intentionnellement et sans autorisation dans un réseau de communication militaire protégé commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins un (1) an mais n'excédant pas deux (2) ans.

**Ingingo ya 325: Gukoresha itumanaho rya gisirikare ukavugana n'umuntu utemerewe kuvugana na we**

Umuntu wese, wemerewe gukoresha umuyoboro cyangwa kuvugira mu buryo bukoreshwa mu itumanaho rya gisirikare uvugana n'undi muntu atemerewe kuvugana na we, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka ibiri (2).

**Ingingo ya 326: Kubuza imikorere y'itumanaho rya gisirikare**

Umuntu wese, ku bw'uburiganya, ufunga cyangwa ubuza itumanaho rya gisirikare gukora, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka itatu (3) ariko kitarenze imyaka itanu (5) iyo abikoze mu gihe cy'amahoro.

Iyo ibikorwa bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bikozwe mu gihe cy'intambara, igihano kiba igifungo kitari munsi y'imyaka icumi (10) ariko kitarenze imyaka cumi n'itanu (15).

**Article 325: Using a military communication system to communicate with an unauthorized person**

Any person who is authorised to use or operate a military communication system, who uses it to communicate with an unauthorized person, commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than one (1) year and not more than two (2) years.

**Article 326: Jamming a military communication system**

Any person who fraudulently blocks or jams the functioning of military communication system, commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than three (3) years and not more than five (5) years, if committed in peacetime.

If the acts referred to in Paragraph One of this Article are committed in wartime, the applicable penalty is imprisonment for a term of not less than ten (10) years and not more than fifteen (15) years.

**Article 325: Communication avec une personne non autorisée à l'aide du système de communication militaire**

Toute personne qui, ayant le droit d'exploiter le réseau ou d'opérer dans le système de communication militaire, communique avec une personne non autorisée commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins un (1) an mais n'excédant pas deux (2) ans.

**Article 326: Brouillage d'un système de communication militaire**

Toute personne qui bloque ou brouille frauduleusement le fonctionnement d'un système de communication militaire commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins trois (3) ans mais n'excédant pas cinq (5) ans, si c'est en temps de paix.

Lorsque les actes visés à l'alinéa premier du présent article sont commis en temps de guerre, la peine est portée à l'emprisonnement d'au moins dix (10) ans mais n'excédant pas quinze (15) ans.

**Ingingo ya 327: Kubangamira itumanaho rya gisirikare**

Umuntu wese ukoresha uburyo bubangamira itumanaho rikoreshwa mu gisirikare avanaho cyangwa ahindura amakuru, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka itanu (5) ariko kitageze ku myaka irindwi (7), iyo abikoze mu gihe cy'amahoro.

Iyo abikoze mu gihe cy'intambara, igihano kiba igifungo kitari munsi y'imyaka icumi (10) ariko kitarenze imyaka cumi n'itanu (15).

Iyo ibikorwa bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bikozwe kubera uburangare cyangwa ububuraburyo, igihano kiba igifungo kitari munsi y'amezi abiri (2) ariko kitageze ku mezi atandatu (6) mu gihe cy'amahoro. Iyo bikozwe mu gihe cy'intambara, igihano kiba igifungo kitari munsi y'imyaka ibiri (2) ariko kitarenze imyaka itanu (5).

**Article 327: Obstructing the military communication system**

Any person who obstructs military communication system by deleting or modifying information, commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than five (5) years but less than seven (7) years, if he/she committed it in peacetime.

If he/she commits the offence in wartime, the applicable penalty is imprisonment for a term of not less than ten (10) years and not more than fifteen (15) years.

If the acts referred to in Paragraph One of this Article are committed due to carelessness or clumsiness, the applicable penalty is imprisonment for a term of not less than two (2) months but less than six (6) months, in peacetime. If they are committed in wartime, the penalty is imprisonment for a term of not less than two (2) years and not more than five (5) years.

**Article 327: Obstruction au système de communication militaire**

Toute personne qui fait obstruction au système de communication militaire par la suppression ou la modification de l'information commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins cinq (5) ans mais inférieur à sept (7) ans, s'elle commet l'infraction en temps de paix.

Si elle commet l'infraction en temps de guerre, la peine est portée à l'emprisonnement d'au moins dix (10) ans mais n'excédant pas quinze (15) ans.

Si, en temps de paix, des actes visés à l'alinéa premier du présent article sont commis par négligence ou maladresse, la peine est portée à l'emprisonnement d'au moins deux (2) mois mais inférieur à six (6) mois. S'ils sont commis en temps de guerre, la peine est portée à l'emprisonnement d'au moins deux (2) ans mais n'excédant pas cinq (5) ans.

**Icyiciro cya 8: Ibyaha by'uburangare**

**Ingingo ya 328: Kwangiza cyangwa guta ibikoresho bya gisirikare ku burangare**

Umusirikare wangiza cyangwa uta ibikoresho bya gisirikare ku burangare, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'amezi atandatu (6) ariko kitarenze umwaka umwe (1).

Iyo ibikorwa bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bikozwe mu gihe cy'intambara, igihano kiba igifungo kirenze umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka ibiri (2).

**Ingingo ya 329: Uburangare butuma hakomereka cyangwa hapfa umuntu**

Umusirikare ugira uburangare mu kazi agatuma hakomereka umuntu, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'amezi atandatu (6) ariko kitarenze umwaka umwe (1).

Iyo uburangare buvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bwatumye hapfa umuntu, igihano kiba igifungo kitari munsi y'imyaka ibiri (2) ariko kitarenze imyaka itatu (3).

**Section 8: Offences committed due to negligence**

**Article 328: Damaging or causing loss of military equipment due to negligence**

A soldier who negligently damages or who causes loss of military equipment commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than six (6) months and not more than one (1) year.

If the acts referred to in Paragraph One of this Article are committed in wartime, the applicable penalty is an imprisonment for a term of more than one (1) year and not more than two (2) years.

**Article 329: Negligence causing injury or death of a person**

A soldier who, by negligence to the service causes an injury to a person commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than six (6) months and not more than one (1) year.

If the negligence referred to in Paragraph One of this Article causes death of a person, the applicable penalty is an imprisonment for a term of not less two than (2) years and not more than three (3) years.

**Section 8: Infractions de négligence**

**Article 328: Détérioration ou perte du matériel militaire par négligence**

Un militaire, qui, par négligence détériore ou perd un équipement militaire commet une infraction. Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'un emprisonnement d'au moins six (6) mois mais n'excédant pas un (1) an.

Lorsque les actes visés à l'alinéa premier du présent article sont commis en temps de guerre, la peine est portée à l'emprisonnement de plus d'un (1) an mais n'excédant pas deux (2) ans.

**Article 329: Négligence entraînant les blessures ou la mort d'une personne**

Un militaire qui, par négligence au service, cause des blessures à une personne commet une infraction. Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'un emprisonnement d'au moins six (6) mois mais n'excédant pas un (1) an.

Lorsque la négligence visée à l'alinéa premier du présent article cause la mort d'une personne, la peine est portée à l'emprisonnement d'au moins deux (2) ans mais n'excédant pas trois (3) ans.

Iyo ibikorwa bivugwa mu gika cya mbere n'icya 2 by'iyi ngingo bikozwe mu gihe cy'intambara, ibihano ntarengwa byo hejuru nibyo bitangwa.

**<u>Icyiciro cya 9</u>: Ukwica amategeko y'amahanga n'agaciro k'inyandiko z'ubutegetsi bw'igihugu cy'amahanga**

**<u>Ingingo ya 330</u>: Kwica amategeko cyangwa amabwiriza amwe n'amwe y'ibindi bihugu kandi uri umusirikare**

Umusirikare uri ku kazi mu kindi gihugu akica amategeko yacyo, akurikiranwa kandi agacibwa urubanza n'inkiko za gisirikari z'u Rwanda, hakurikijwe amategeko y'u Rwanda nk'aho icyo cyaha cyakorewe mu Rwanda, mu gihe icyo cyaha gihanwa n'amategeko y'u Rwanda.

Igihe igikorwa yakoze kidafatwa nk'icyaha n'amategeko y'u Rwanda, ahanwa mu rwego rw'imyitwarire.

**<u>Ingingo ya 331:</u> Agaciro k'inyandiko zerekeranye n'ibyaha byakozwe n'abasirikare b'u Rwanda mu mahanga**

Inyandiko zerekeranye n'ibikorwa byica amategeko byakozwe n'abasirikire b'u Rwanda bari mu mahanga zigira agaciro

If the acts referred to in Paragraph One and 2 of this Article are committed in wartime, the maximum penalty is imposed.

**<u>Section 9</u>: Violation of foreign law and legal effect of documents of a foreign authority**

**<u>Article 330</u>: Violation by a soldier of some foreign legal and regulatory provisions**

A soldier who violates a foreign law where he/she is serving, is prosecuted by Rwandan military courts in accordance with Rwandan law as if such an act has been committed on the Rwandan territory provided that it is punishable by the Rwandan law.

If the act committed is not an offence under the Rwandan law, he/she is subject to disciplinary sanction.

**<u>Article 331</u>: Legal effect of documents related to offences committed by Rwandan soldiers in foreign countries**

Documents related to acts that violate laws committed by Rwandan soldiers in foreign countries have legal effect before Rwandan

Lorsque les actes visés à l'alinéa premier et 2 du présent article sont commis en temps de guerre, les peines maximales sont applicables.

**<u>Section 9</u>: Violation des lois étrangères et force probante des actes de l'autorité étrangère**

**<u>Article 330</u>: Violation par un militaire, de certaines dispositions légales ou réglementaires étrangères**

Un militaire qui, sur le territoire d'un État étranger où il est en service, contrevient à la législation de cet État, est poursuivi par les juridictions militaires rwandaises conformément à la législation rwandaise comme si l'acte était commis sur le territoire rwandais si ledit acte est puni par la loi rwandaise.

Si l'acte commis n'est pas qualifié d'infraction par la législation rwandaise, il entraîne une mesure disciplinaire.

**<u>Article 331</u>: Force probante des actes relatifs aux infractions commises par les militaires rwandais dans les pays étrangers**

Les documents relatifs aux actes qui violent les lois commis par les militaires rwandais dans les pays étrangers ont la force probante

mu nkiko z'u Rwanda hakurikijwe amategeko y'u Rwanda.

**<u>INTERURO YA V</u>: INGINGO ZINYURANYE, IZ'INZIBACYUHO N'IZISOZA**

**<u>Ingingo ya 332</u>: Iyandikwa ry'ibihano ku rutonde rwabigenewe**

Ibihano byose byatanzwe n'inkiko kandi byabaye ndakuka byandikwa ku rutonde rwabugenewe.

**<u>Ingingo ya 333</u>: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko**

Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

**<u>Ingingo ya 334:</u> Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko**

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

Icyakora, icyaha cyakozwe mbere y'uko iri tegeko ritangazwa mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda gihanwa hakurikijwe itegeko ryakigengaga keretse mu gihe iri tegeko riteganya ibihano byoroheje.

Courts in accordance with the Rwandan laws.

**<u>TITLE V</u>: MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS**

**<u>Article 332</u>: Entry of criminal convictions in the criminal record**

All non-appealable and final convictions are entered in the appropriate criminal record.

**<u>Article 333</u>: Drafting, consideration and adoption of this Law**

This Law was drafted, considered and adopted in Ikinyarwanda.

**<u>Article 334</u>: Repealing provision**

All prior provisions inconsistent with this Law are repealed.

However, an offence committed prior to the publication of this Law in the Official Gazette of the Republic of Rwanda is punishable under the Law hitherto applicable unless this Law provides for lesser penalties.

devant les juridictions rwandaises conformément à la législation rwandaise.

**<u>TITRE V</u>: DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRES ET FINALES**

**<u>Article 332</u>: Inscription des condamnations au casier judiciaire**

Toutes les condamnations coulées en force de chose jugée sont inscrites au casier judiciaire tenu à cette fin.

**<u>Article 333</u>: Initiation, examen et adoption de la présente loi**

La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en Ikinyarwanda.

**<u>Article 334</u>: Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

Toutefois, une infraction commise avant la publication de la présente loi au Journal Officiel de la République du Rwanda est punissable par la loi en vertu de la loi jusqu'ici applicable à moins que la présente loi prévoie des peines plus légères.

**Ingingo ya 335: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa**

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Icyakora, ibyaha bya Jenoside yakorewe Abatutsi n'ibindi byaha byibasiye inyoko muntu byakozwe hagati y'itariki ya mbere Ukwakira 1990 n'iya 31 Ukuboza 1994 bihanwa hakurikijwe ibihano biteganyijwe muri iri tegeko uretse ibiteganyijwe ukundi n'itegeko.

Kigali, ku wa **30/08/2018**

(sé)
**KAGAME Paul**
Perezida wa Repubulika

(sé)
**Dr. NGIRENTE Edouard**
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

**Article 335: Commencement**

This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

However, the genocide crimes and other crimes against humanity committed between October 1, 1990 and December 31, 1994 is punishable in accordance with penalties provided for under this Law unless legal provisions otherwise provide.

Kigali, on **30/08/2018**

(sé)
**KAGAME Paul**
President of the Republic

(sé)
**Dr. NGIRENTE Edouard**
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
Minister of Justice/Attorney General

**Article 335: Entrée en vigueur**

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Toutefois, les infractions constitutives du crime de génocide et d'autres crimes contre l'humanité commis entre le 1er octobre 1990 et le 31 décembre 1994 sont punissables suivant les peines prévues par la présente loi sauf dispositions légales contraires.

Kigali, le **30/08/2018**

(sé)
**KAGAME Paul**
Président de la République

(sé)
**Dr. NGIRENTE Edouard**
Premier Ministre

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux